

ITANGAZO – Amabwiriza avuguruye yo kwirinda COVID-19 mu rwego rw’ubukererugendo n’amahoteli ndetse n’inama, amakoraniro n’amamurikabikorwa

Hashingiwe ku byemezo by’Inama y’Abaminisitiri yo kuwa 13 Ukwakira 2021 ku birebana n’amabwiriza yo kwirinda ikwirakwira ry’icyorezo cya COVID-19, Urwego Rushinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB) ruributsa abantu bose ibi bikurikira, bizubahirizwa mu bigo by’ubukererugendo n’amahoteli, iby’imikino n’imyidagaduro ndetse n’iby’amakoraniro (Inama, amateraniro n’amamurikabikorwa) guhera ku itariki ya 14 Ukwakira kugeza kuya 14 Ugushyingo 2021:

1. Amakoraniro rusange, harimo ibitaramo, ibiterane, amateraniro n'amamurikabikorwa, bizakomeza, hubahirizwa izi ngamba:
 - a. Abitabiriye bose (harimo n'abateguye amateraniro ndetse n'abayatangamo serivise) bagomba kugaragaza icyemezo cy'uko bashingiwe COVID-19 n'icy'uko bayipimishije hifashishijwe uburyo bwa PCR cyangwa ubwihuse mu gihe kitarenze amasaha 72 kandi bagasanga batayirwaye.
 - b. Amateraniro azajya yakira abantu batarenze 50% by'ubushobozi bwaho bwo kwakira abantu.
 - c. Abitabiriye bose bagomba kubahiriza intera ya metero nibura imwe kandi bakaba bambaye agapfukamunwa mu gihe cy'iteraniro.
 - d. Abategura amateraniro (ibitaramo, ibiterane, n'amamurikabikorwa) bagomba kuyasabira uburenganzira mu Kigo Gishinzwe Gutunganya Inama n'Amakoraniro (RCB) kuri info@rcb.rw hasigaye nibura iminsi 10 ngo abe
2. Ibitaramo bikorwa na LIVE BAND cyangwa amatorero ya gakondo byemewe kubera gusa ahagenewe kubera amateraniro no mu bigo byakira abantu. Abataramyi bagomba kuba barikingije COVID-19 kandi bafite icyemezo cy'uko bayipimishije mu gihe kitarenze amasaha 72 hifashishijwe uburyo bwa PCR cyangwa ubwihuse bagasanga batayirwaye. Bagomba kandi kubahiriza intera ya metero nibura imwe. Ababyitabiriye bagomba kuba bafite icyemezo cy'uko bayipimishije mu gihe kitarenze amasaha 72 hifashishijwe uburyo bwa PCR cyangwa ubwihuse bagasanga batayirwaye. Bagomba kandi, guhana intera no kuba bambaye agapfukamunwa igihe cyose.
3. Inama ziba imbonankubone zizakomeza gukorwa, zitabirwa n'abatarenze 50% by'ubushobozi bw'aho zibera bwo kwakira abantu. Abazitabira bagomba kugaragaza icyemezo cy'uko bipimishije COVID-19 mu gihe kitarenze amasaha 72 hifashishijwe uburyo bwa PCR cyangwa ubwihuse kandi bagasanga batayirwaye.

4. Hoteli, resitora, cafés n’ahagenewe kubera ibitaramo bashobora guha service abakiliya batarenze 50% by'ubushobozi bwo kwakira abantu mu nzu cyangwa 75% by'ubushobozi bwo kubakira hanze. Abakiliya barashishikarizwa kwikingiza COVID-19 no kuyipimisha kenshi.
5. Hoteli, resitora, cafés, utubari n’ahandi hagenewe kwakira abantu cyangwa kubera ibitaramo barasabwa kwitwararika gukoresha abakozi bakingiwe COVID-19 no kuyibapimisha buri minsi 14.
6. Utubari tuzakomeza kugenda dufungura mu byiciro no kubahiriza amabwiriza yatangajwe na Ministeri y’Ubucuruzi n’Inganda n’Urwego Rushinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB) kuwa 21 Nzeri 2021.
7. Utubyiniro tuzongera gufungura mu byiciro kandi twakire abatarenze 30% by’ubushobozi bwatwo bwo kwakira abantu. Abakiliya basabwa kuba barafashe inkingo zose za COVID-19 kandi bakagaragaza ko bayipimishije mu gihe kitarenze amasaha 72 bagasanga batayirwaye.
8. Abashaka kongera gufungura utubyiniro babisaba RDB mu nyandiko kuri email tourism.regulations@rdb.rw :
 - a. RDB itanga umwanzuro ku busabe bwo kongera gufungura mu gihe kitarenze iminsi irindiwi (7);
 - b. Utubyiniro twemerewe kongera gufungura tuzajya dukora mbere y’amasaha yemewe yo guhagarika imirimo kandi abakozi batwo bagomba kuba barikingije COVID-19, banayipimisha buri minsi 14.
 - c. Utubyiniro twahawe na RDB uburenganzira bwo kongera gufungura NI TWO tuzafungura mu cyiciro cya mbere. Muri icyo gihe, RDB izajya iza gufata ibipimo bya COVID19 kugirango ibashe gutanga inama ku ifungurwa ry’ibyiciro bikurikiyeho.
9. Abakerarugendo basura pariki z'Igihugu, ubariyemo n’abana barengeje imyaka 5, bagomba kugaragaza icyemezo cy'uko bipimishije COVID-19 mu gihe kitarenze amasaha 72 kandi batayirwaye. Iyipimo bifashwe hifashishijwe uburyo bwa PCR ni byo byemewe ku basura inguge muri Pariki za Nyungwe, Gishwati-Mukura n'Ibirunga, cyakora ku basura ibindi muri izo pariki kimwe n’abasura Pariki y'Akagera uburyo bwihuse na bwo buremewe.

10. Hoteli na Resitora zirashishikarizwa gukomeza gutanga icyumba cyakwifashishwa mu gupima COVID-19 abakiliya bazigana baba babikeneye. Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubuzima (RBC) kizakomeza gutanga amahugurwa akenewe
11. Abakiliya bateganya gucumbika muri hoteli cyangwa ahandi habugenewe bagomba kwerekana icyemezo cy'uko bipimishije COVID-19 mu gihe kitarenze amasaha 72 kandi batayirwaye.
12. Gukoresha pisine, sauna na serivise za massage biremewe ku bakiliya bikingije COVID-19 (uretse abatagejeje ku myaka 18) kandi bayipimishije mu masaha atarenze 72 bagasanga batayirwaye. Abakozi bo muri izi serivise bagomba kuba barahawe inkingo zose za COVID-19 kandi bayipimisha buri minsi 14.
13. Ba nyiri ibigo by'ubukerarugendo n'amahoteli, iby'imikino n'imyidagaduro ndetse n'iby'amakoraniro (Inama, amateraniro n'amamurikabikorwa) by'ubukerarugendo barasabwa gukurikirana iyubahirizwa ry'aya mabwiriza.
14. Abatubahiriza aya mabwiriza bazahabwa ibihano biteganywa n'inzego z'Ubuyobozi bw'ibanze kandi byemejwe na Njyanama z'Uturere cyangwa Umujyi wa Kigali.

RDB iributsa abantu bose ko bagomba kubahiriza amabwiriza y'isuku no kwirinda yatanzwe na Minisiteri y'Ubuzima hagamijwe kurwanya ikwirakwira ry'icyorezo cya COVID-19.

Bikorewe i Kigali, kuwa **14 Ukwakira 2021**

Mu izina ry'Umuyobozi Mukuru Clare AKAMANZI, RDB

Zephanie NIYONKURU
Umuyobozi Mukuru Wungirije wa RDB